

## Ubutumire n'amabwiriza by'inama izakorwa hifashishijwe Zoom

Iburo bishinzwe imikoreshereze y'ururimi bibatumiye mu nama iteganijwe kubera kuri zoo ku rubanza nomero \_\_\_\_\_ . Muri iyi nama uzaba usemurirwa n'umusemuzi hakoreshejwe ikoranabuhanga rya Zoom mu buryo bw'isemura rikorwa umusemuzi asa n'ujyana n'uvuga.

### **Ku musemuzi wa Kinyarwanda n'amashyaka avuga Kinyarwanda:**

Turagusaba kwinjira kuri Zoom ukoresheje aya makuru akurikira agufasha kwinjira **habura iminota 30** ngo iburanisha ryawe ritangire bityo tukaba twagufasha gukemura ibibazo byose bya tekini n'ibijyanye n'amajwi ushobora kugira.

Kugira ngo witabire urubanz rwawe kuri Zoom ukoresheje mudasobwa (Ubwoko bwa PC, Mac cyangwa Linux), telefoni y'ikoranabuhanga rigezweho (telefoni ikoresha ikoranabuhanga rya Apple cyangwa irya Android), cyangwa taburete (gikoresha ikoranabuhanga rya Apple cyangwa Android), turagusaba gukanda kuri iri huza:

---

Nomero iranga inama izakorerwa kuri Zoom (Umubare/kode ndanga): \_\_\_\_\_  
Zoom Ijambobanga ry'inama: \_\_\_\_\_

Amabwiriza n'inama byatuma iburanisha rikorewe kuri Zoom hifashishijwe isemura rikorwa umusemuzi asa n'ujyana n'uvuga rigenda neza. **Turagusaba gusoma amabwiriza witonze cyane.**

- 1. IBI NI INGENZI CYANE: TURAGUSABA KWINJIRA MU NAMA YO KURI ZOOM MBERE Y'IMINOTA 30 IBANZIRIZA ISAHA IBURANISHA RYAWA RITEGANIJWE GUTANGIRIRAHU.**
2. Niba ufite ukunganira mu by'amategeko, saba umwunganizi mu by'amategeko wawe kugufasha gukururira Zoom no kuyinjiza, kwiyandikisha no kwinjira kuri konti yawe, **MBERE** y'iburanisha ryawe. Niba UDAFITE umwunganizi mu by'amategeko, turagusaba gushaka umuntu ufite ubumenyi mu by'ikoranabuhanga wagufasha gukora ibi byose **MBERE** y'iburanisha ryawe. Kutabasha gukora ibyo bishobora gutera ubukererwe mu gukemura ikibazo cyawe.
3. **Buri muntu witabiriye iburanisha agomba kwinjira mu nama yo kuri Zoom buri wese akoresheje igikoresho cy'ikoranabuhanga cye** (mudasobwa, telefoni y'ikoranabuhanga rigezweho, taburete, n'ibindi.) kugira ngo isemura rigende neza. Niba ufite umwunganizi mu by'amategeko, wowe n'umwunganizi mu by'amategeko wawe **ntimugomba** gukoresha igikoresho kimwe kubera ko mwese mugomba kumva mu ndimi zitandukanye.
4. Niba uteganya kugaragara mu rukiko imbonankubone, turagusaba kwitwaza telefoni y'ikoranabuhanga rigezweho na ekuteri (hamwe na mikorofoni) mu cyumba cy'urukiko. Niba umwunganizi mu by'amategeko wawe ateganya kujya mu cyumba cy'urukiko imbonankubone, umwunganizi mu by'amategeko wawe na we agomba kwitwaza igikoresho na ekuteri. Kwambara ekuteri bizafasha kongera ubwiza bw'ijwi maze bigufashe kumva neza umusemuzi.
5. Niba witabiriye iburanisha ryawe hakoreshejwe Zoom, UGOMBA gufungura ahatuma ijwi ryawe ryumvikana. Nutabikora, nta muntu uzabasha kukumva igihe uvuga. Reba ubutumwa bugufi bwizana imbere bugira buti "Injira ukoresheje ijwi" cyangwa imvugo nk'iyiyo.
6. Ugirwa inama yo kwiga uko WACECEKESHA n'uko WACECEKURA ahatuma ijwi ryawe ryumvikana **MBERE** y'uko iburanisha ryawe ritangira. Ugomba kureka mikoro yawe ikaba IFUNZE mu iburanisha ryawe kugeza igihe ari wowe utahiwe kuvuga. Yaba umucamanza cyangwa umwunganizi mu by'amategeko bazakumenyeshya igihe ari wowe utahiwe kuvuga. Ibi nibiba, ni wowe uzaba urebwa no gufungura mikoro yawe.
7. **Naba ari wowe utahiwe kuvuga, vuga mu buryo bwumvikana kandi witonze.** Ibuka ko umusemuzi agomba gusubiramo ibyo uvuze byose, neza nk'uko ubivuze. **ITSA** buri nyuma y'uko uvuga interuro nke kugira ngo ureke umusemuzi asemure ibyo uvuze. Birashoboka ko amakuru y'ingenzi yatakara mu gihe waba utavuga witonze ndetse ngo unitse kenshi.
8. Umusemuzi azinjira mu nama yo kuri Zoom mbere y'iminota 30 ibanziriza igihe cyo gutangira kw'iburanisha ryawe kugira ngo agufashe gukemura ibibazo byose bya tekini ndetse n'ibijyanye n'ijwi ushobora kugira. Umusemuzi yishimira kugufasha gukemura ibibazo bijyanye na tekini ndetse n'ijwi, ariko ibibazo bimwe na bimwe bishobora kudahita bikemurirwa imbere y'urukiko. Ni inshingano yawe kwitegura bishoboka ukemura ibibazo bikomeye bijyanye na tekini MBERE y'uko iburanisha ryawe ritangira.